REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MUTARAMA 2019

10 Gashyantare 2019

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2019

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2019. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 1,0% mu kwezi gushize kwa Mutarama 2019 ugereranyije na Mutarama 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 1,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 1,0% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,6% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,2%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2019 na Mutarama 2018, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,5%.

Wagereranya ukwezi kwa mbere (Mutarama 2019) n'ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2018) ibiciro ntibyahindutse.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Mutarama 2019, ibiciro mu byaro byagabanutseho 0,4% ugereranyije na Mutarama 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -0,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,4% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 7,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2019) n'ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2018) ibiciro ntibyahindutse.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Mutarama 2019 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 0,2% ugereranyije na Mutarama 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 0,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,2% mu kwezi kwa Mutarama 2019 ni izamuka ry'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 8,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,4%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2019) n'ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2018) ibiciro ntibyahindutse.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2018 kugeza muri Mutarama 2019.**

| **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2018 kugeza muri Mutarama 2019** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | *ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije* | | | | | | | | | | | | |
| | **2018** | | | | | | | | | | | | **2019** |
| | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 1,3 | 0,7 | 0,9 | 1,7 | 3,0 | 2,9 | 2,0 | 2,1 | 1,2 | -0,6 | 0,1 | 1,1 | 1,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -0,9 | -2,7 | -2,9 | -1,3 | 0,9 | 0,4 | -0,3 | -0,6 | -2,7 | -5,4 | -1,8 | -0,6 | -0,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 0,1 | -1,3 | -1,4 | -0,1 | 1,8 | 1,4 | 0,6 | 0,6 | -1,1 | -3,4 | -1,0 | 0,1 | 0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,2 | 0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,1 | -0,9 | -1,0 | 0,4 | 0,2 | -0,6 | -0,5 | -0,2 | 0,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -0,2 | 0,5 | 1,3 | 2,4 | 0,8 | -1,7 | -0,6 | 0,6 | -0.3 | -1,4 | -0,6 | -1,3 | 0,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,0 | 0,5 | 1,1 | 1,9 | 0,9 | -1,4 | -0,8 | 0,5 | -0,1 | -1,0 | -0,5 | -0,8 | 0,0 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

**Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:**

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare y'ubukungu; claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw